ISHURI RYA GSNDA NYUNDO RYIZIHIJE UMUNSI MUKURU W'UMWAMIKAZI W'AFURIKA RYIRAGIJE

Kuri uyu wa gatandatu tariki ya 11 Gicurasi 2019, u Rwunge rw'amashuri rwitiriwe Umwamikazi w'Afurika (*Groupe Scolaire Notre Dame Afrique*) Nyundo rihereereye muri Paruwasi Katedrale ya Nyundo ryizihije umunsi mukuru ngaruka mwaka w'Umwamikazi w'Afurika waragijwe iryo Shuri.

Umwepiskopi n'abandi bayobozi bari kumwe n'abana bahawe Isakramentu ry'Ugukomezwa, imbere y'Ishusho y'Umwamikazi w'Afurika.

Uwo munsi mukuru wabimburiwe n'Igitambo cya Misa cyayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo guhera i saa yine n'igice (10h30) za mu gitondo. Uwo munsi kandi hatanzwe Isakramentu ry'Ugukomezwa ku banyeshuri 27 babyiteguye. Nyuma ya misa, abatumirwa berekeje mu nzu mberabyombi ya Centre pastorale S^{t} Jean Paul II ihereereye mu Kayanza.

Umuyobozi w'ishuri Soeur Clémentine GASINGIZWA, mu ijambo ry'ikaze no kwerekana abashyitsi yaboneyeho umwanya wo kugeza kubaje kwifatanya nabo uko ishuri rihagaze. Aho yavuze ko ishuri rya GSNDA Nyundo ryatangiye mu mwaka 1958, ritangijwe n'Ababikira b'abamisiyoneri b'Umwamikazi w'Afrika (les sœurs missionnaires de Notre Dame d'Afrique) babisabwe na Nyiricyubahiro Myr Aloyizi BIGIRUMWAMI wari Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo muri icyo gihe. Yakomeje avuga ko uyu mwaka iri shuri rifite abanyeshuri 610 bari mu mashami 4 harimo n'Icyiciro rusange. Ayo mashami ni : **MCB, PCB, LFK na PCM, na TC**. Umwaka ushize, abakoze ibizamini bya Leta bose hamwe bari 211. Bakaba baratsinze neza muri rusange, hakaba harimo n'abakoze neza kurusha abandi ,bahembwe mu NKUBITO Z'ICYEZA. Tukaba twifuzako uyu mwaka, dufatanyije tuzitegura neza, abana bacu bakazatsinda kurusha umwaka ushize. Kuko **twafashe ingamba zo guhugura abarimu ku buryo buhoraho.** Dufite icyizere kuko dukorera ku ntego y'ishuri dushyize hamwe nk'abarezi yo gutoza abana bacu guharanira kugira **UBWENGE-kwita k'UBUZIMA BWA ROHO no KWIGIRIRA ICYIZERE,*(L'Intelligence- La Spiritualité et La Confiance en soi, cg Intellect, Spiritual and Self confidence,)***. Turashima abana bacu ko tubabonana ikinyabupfura, kandi bikaduha n'icyizere iyo tubabona biga batuje bashyizeho umwete bitwemeza ko n'umusaruro uzaba mwiza uyu mwaka kuko tubona bashishikariye umurimo bahamagariwe gukora hano ku ishuri. Ikindi kandi yagejeje kubari aho n'uko yababwiye ko kuba barera abana bumva bibatera ishema kandi bikabongerera imbaraga zo kubitaho no kubitangira!

Yashoje ijambo rye ashimira Umwepiskopi agira ati:« Nagira ngo mu izina ryabo dufatanyije ubutumwa bwo kurera hano muri GSNDA Nyundo, mbashimire kubera ko uretse kuba muhoza k'umutima iri shuri nkanyiraryo, turabashimira ko hari n'abana mufasha kwiga neza mubarihira Minerval. Na bo barabashimira cyane. Ngo umutima w'impuhwe mwabagaragarije Imana izawubakomereze.» Ashimira Padiri Piyo KWITONDA Aumonier wabo n'abandi bose bafatanya kurera cyangwa bafatanya mu mirimo inyuranye kugira ngo intego bihaye zo kurera neza zigerweho.
Nyuma yaho ushinzwe uburezi mu murenge wa Nyundo waje anahagarariye ubuyobozi bwite bwa Leta Bwana NIYONZIMA Philippe, mu ijambo rye yashimiye ubuyobozi bwa GSNDA Nyundo, abarezi, abanyeshuri n'ababyeyi baharerera ku bw'imitsindire n'ikinyabupfura birangwa muri iryo shuri. Yagize ati: "Mu bigo bya Kiliziya Gatolika biri mu Murenge wa Nyundo, GSNDA Nyundo iza ku mwanya wa kabiri nyuma ya Seminari nto ya Nyundo. Twifuza ko iri shuri ryaza ku mwanya wa mbere mu murenge wacu, mu Karere ka Rubavu, mu Ntara y'Iburengerazuba ndetse no mu Gihugu hose." Yakomeje agira ati ibi tuzabigeraho hakomeje kubaho imikorere n'imikoranire myiza y'inzego z'ubuyobozi bw'ishuri n'iza Leta.

Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, mu ijambo rye asoza ibirori, nk'uko yabigarutseho mu Gitambo cya Misa yashimye igitekerezo cya Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI washinze iri shuri afite intego yo guteza imbere uburezi n'uburere by'umwana w'umukobwa. None uko imyaka igenda isimburana rikaba rikomeje kwesa imihigo mu kurera umunyarwandakazi neza bityo bigateganyiriza ejo heza hazaza h'umuryango nyarwanda. **Ati kurera neza umwana ukamutoza ikinyabupfura, gukunda umurimo unoze, kwiyitaho no kwita kubandi, kwigirira icyizere mu byo akora, noneho mukongeraho gukunda Imana mu buzima bwe; bifite agaciro gakomeye mu kubaka Kiliziya y'ejo hazaza n'igihugu cyacu muri rusange.** Yaboneyeho gushimira abarezi bose k'umurimo bakora usaba ubwitange, urukundo no kwihangana. Yababwiye ko indangagaciro nziza bafite ari zo batoza abo barera, zikabafasha kwibonamo ubushobozi bakibonamo n'izindi basanzwe bafite, zibafasha kubaho no kubana bashyize hamwe mu rukundo. Yasabye ababyeyi barerera muri GSNDA Nyundo, kujya bakomereza aho abarezi baba bagereje ku ishuri, bityo abana bacu koko bakure neza bahesha ishema abarezi babo namwe ubwanyu. Yabwiye abanyeshuri ko kwiga muri GSNDA Nyundo, ari byiza. Yababwiye abantu benshi bahize bakaba bari mu nzego zinyuranye mu Gihugu cyacu ndetse no hanze yacyo babikesha kuba

barakiriye uburere bahabwaga neza. **Namwe rero mwige neza muharanira igihe cyose ibyisumbuyeho kubyo mufite ; mwirinde ibyabatesha agaciro byose, icyo dushaka n'uko mwaba abantu beza bazigirira akamaro mukakagirira n'abanyu bose.** Yashoje ijambo rye ashimira ubuyobozi bw'ishuri rya GSNDA Nyundo, ashimira na buri wese waje kwifatanya nabo, ashima n'uko umunsi wagenze neza.

Ibirori byaranzwe n'ibyishimo ku bantu bose bari ba byitabiriye. Harimo Abasaseridoti, Abihayimana, Abakristu ba Paruwasi ya Nyundo n'inshuti z'ishuri ndetse n'abanyeshuri bari baje bahagarariye abandi biga mu bigo bituranye na GSNDA Nyundo. Nyuma yaho ibirori byakomereje mu busitani bw'ishuri ari naho abatumirwa bakiriwe.

Umwepiskopi ashimira IMPUHWEZAYO Jeannette, Umunyeshuri wiga mu mwaka wa gatanu, Indimi n'Ubuvanganzo muri GSNDA Nyundo, wavuze umuvugo mwiza kuri uwo munsi.

HARINDIMANA Prudence,
Umurezi muri GSNDA Nyundo